**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**INTARA Y'AMAJYEPFO**

**AKARERE KA KAMONYI**

**B.P. 03 MUHANGA**

**E-mail**: kamonyidistrict@yahoo.fr

**IBYEMEZO B Y'INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA KAMONYI N° 44 /07.02/08/CD**

**IBYEMEZO BY'INAMA ISANZWE Y'INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA KAMONYI YATERANYE KU WA 26 KAMENA 2014**

Kuri uyu wa Kane tariki **26 Kamena 2014** ku biro by'Akarere ka **KAMONYI** guhera saa yine n'iminota icumi**(10H10)** hateraniye inama isanzwe y'Inama Njyanama iyobowe n'Umuyobozi w'Inama Njyanama Bwana **KARURANGA Emmanuel.** Umuyobozi w'inama akaba yamenyesheje Abajyanama ko inama yitabiriwe n'intumwa ya Minisiteri y'Imali Bwana **RUSERA Sandy.**

Umuyobozi w'inama yibukije Abajyanama ingingo ziribusuzumwe n'Inama Njyanama:

1. **Kwemeza inyandikomvugo y'inama isanzwe y'Inama Njyanama yo ku wa 21 Gashyantare 2014**
2. **Kwemeza ibipimo by'imisoro bizagenderwaho mu Karere ka KAMONYI umwaka wa 2014 – 2015**
3. **Gahunda y'ibikorwa by'Akarere umwaka wa 2014 – 2015**
4. **Raporo ku ikoreshwa ry'ingengo y'imari umwaka wa 2013 – 2014 no kwemeza ingengo y'imari 2014 – 2015**
5. **Ibindi**

Ku ngingo y'ibindi Abajyanama bemeje ko hasuzumwa ibi bikurikira:

- **Raporo y'ishyirwa mu bikorwa ry,imihigo y'Akarere umwaka wa 2013 - 2014-**
- **Ibiruhuko by'abagize Komite Nyobozi**

Nyuma yo kungurana ibitekerezo, Abajyanama bagize Inama Njyanama y'Akarere ka **KAMONYI** bafashe ibyemezo bikurikira:

1. **Kwemeza inyandikomvugo y'inama isanzwe y'Inama Njyanama yo ku wa 21 Gashyantare 2014**

Nyuma yo kuyikorera ubugororangingo, Abajyanama bemeje inyandikomvugo y'inama isanzwe y'Inama Njyanama yo ku wa **21 Gashyantare 2014.**

2. **Kwemeza ibipimo by'imisoro bizagenderwaho mu Karere ka KAMONYI umwaka wa 2014 – 2015**

Abajyanama bamaze kugezwaho n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere Bwana **BAHIZI Emmanuel,** ibipimo by'imisoro n'amahoro bizagenderwaho mu Karere ka KAMONYI umwaka wa 2014 – 2015 babyemeje.

Ku mugereka w'ibi byemezo murahasanga inyandiko igaragaza ibipimo by'imisoro n'amahoro umwaka wa 2014-2015

**3. Raporo ku ishyirwa mu bikorwa ry'imihigo y'Akarere umwaka wa 2013 - 2014-**

Abajyanama bamaze kugezwaho n'Umujyanama **RUTSINGA Jacques** akaba n'Umuyobozi w'Akarere raporo ku ishyirwa mu bikorwa ry'imihigo y'Akarere umwaka wa 2013 - 2014 ishingiye ku mihigo 77 Akarere kiyemeje bashimye uburyo yashyizwe mu bikorwa basaba ko iri mu nzira yo kurangizwa yihutishwa.

Ku mugereka w'ibi byemezo murahasanga inyandiko igaragaza raporo y'ibikorwa byakozwe umwaka wa 2013-2014

**4. Gahunda y'ibikorwa by'Akarere umwaka wa 2014 – 2015**

Kuri iyi ngingo,Umujyanama **RUTSINGA Jacques** akaba n'Umuyobozi w'Akarere amaze kugeza ku Bajyanama gahunda y'ibikorwa Akarere gateganya kugeraho gafatanyije n'abafatanyabikorwa babishimye barabyemeza. Ibi bikorwa bikaba bizatwara ingengo y'imari ingana na **15 474 701 217.**

Ku mugereka w'ibi byemezo murahasanga inyandiko igaragaza gahunda y'ibikorwa by'Akarere umwaka wa 2014-2015

**5. Raporo ku ikoreshwa ry'ingengo y'imari umwaka wa 2013 – 2014 no kwemeza ingengo y'imari y'umwaka wa 2014 – 2015**

- **Gusuzuma ishyirwa mu bikorwa ry'ingengo y'imari umwaka wa 2013 – 2014**

Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere Bwana **BAHIZI Emmanuel** , amaze kugeza ku Bajyanama ishyirwa mu bikorwa ry'ingengo y'imari 2013 – 2014 , ikaba imaze gushyirwa mu bikorwa ku kigero cya **90.4%** kugeza tariki ya 24 Kamena 2014 bashimye uburyo yashyizwe mu bikorwa.

- **Kwemeza ingengo y'imari y'Akarere umwaka wa 2014 – 2015**

Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere Bwana **BAHIZI Emmanuel** yagejeje ku Bajyanama ingengo y'imari iteganywa gukoreshwa umwaka wa **2014 – 2015**, ingana na Miriyari icumi miriyoni magana abiri mirongo itandatu n'ebyiri ibihumbi magana cyenda mirongo icyenda na bitandatu n'amafaranga ijana na cumi na rindwi **(10 262 996 177)** bashimye barayemeza ko yiyongereyeho 6.8% ugereranyije n'iy'umwaka ushize wa 2013 - 2014. Abajyanama bashimye gahunda y'amasoko ateganyijwe mu Karere barayemeza.

Ku mugereka w'ibi byemezo murahasanga inyandiko igaragaza ingengo y'imari iteganyijwe gukoreshwa mu mwaka wa 2014 – 2015.

**6. Ibiruhuko by'abagize Komite Nyobozi**

Abajyanama bemeje ibiruhuko by'abagize Komitee Nyobozi ku buryo bukurikira:

- Umuyobozi w'Akarere azajya mu kiruhuko cy'umwaka tariki ya 04 Kanama 2014 Kugeza tariki ya 18 Kanama 2014 no kuva tariki ya 29 Ukuboza 2014 kugeza 12 Mutarama 2015.

- Umuyobozi w'Akarere wungirije ushinzwe iterambere ry'imibereho myiza y'abaturage azajya mu kiruhuko tariki ya 19 Mutarama 2015 kugeza tariki ya 18 Gashyantare 2015.

- Umuyobozi w'Akarere wungirije ushinzwe imari n'Iterambere ry'ubukungu azajya mu kiruhuko tariki ya 23 Gashyantare 2015 kugeza tariki ya 25 Werurwe 2015.

Inama yashoje imirimo yayo saa munani n'igice z'amanywa **(14H30),** Umuyobozi w'inama ashimira abayitabiriye n'ibitekerezo byubaka batanze,

**Ku mugereka w'ibi byemezo murahasanga urutonde rw'Abajyanama bafashe icyemezo kuri buri ngingo**.

**NIKUZE Marie Chantal**
Umunyamabanga w'Inama Njyanama

**KARURANGA Emmanuel**
Umuyobozi w'Inama Njyanama